

REPUBULIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA
GASABO



ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.

Umwaka wa 2022 umunsi wa 22 ukwezi k'ukuboza;

Twebwe GAJU Jeanne, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWIZEYIMANA Flora;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa NDAGIJIMANA Prince mwene HARERIMANA Matias na Marthe, utuye mu mudugudu wa Biraro, akagali ka Kabeza, umurenge wa Ririma, akarere ka Bugesera, mu ntara y'iburasirazuba; **akurikiranwe nk'uwihishe ubutabera**, akurikiranyweho icyaha cyo gusambanya umwana, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa ingingo ya 4 y'itegeko N° 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019 rihindura itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 00099/NE/RIRIM SB/EAST/BUGE 2021 kigeze mu rukiko gihabwa N° RP 00875/2021/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 22/12/2022 saa mbiri za mu gitondo, NDAGIJIMANA Prince ntiyitabe ariko ubushinjacyaha bwaramureze nkuwatorotse ubutabera; urubanza rukimurirwa tariki ya 20/02/2023 kugira ngo ahamagazwe nk'uwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganyaga uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganyaga uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse NDAGIJIMANA Prince kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **20/02/2023 saa tatu za mugitodo (9h00)**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga.

GAJU Jeanne

UMUCAMANZA



UWIZEYIMANA Flora

UMWANDITSI